jesus beim WORT genommen

Februar / Gashyantare 2018 *Kinyarwanda*

Nimujye mukundana nk'uko nanjye nabakunze!

(Yoh 15,12)

„Freunde des Wortes“

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen
Tel.: 0049-172-5638432
Mail: mail@onword.de

homepage www.onword.de

Imana ni Twe.
God is us!

Nshuti bakunzi b'Ijambo,

Gushaka kumenya Imana uko uri by'ukuri ni ukwigerezaho. Ariko umugambi wayo wo kwimenyekanisha ntugira umupaka! Ndibuka umwari w'umusiramukazi washimishijwe na Filime yacu yitwa „be brother - be sister“ (Ba Musaza, ba Mushiki wa mugenzi wawe) yasanze kuri Murandasi. Yagize amatsiko yo kutumenya. Uwo mwari akomoka mu Gihugu cya Albaniya, akaba yarakuriye i Dubayi, akaba afite urwandiko rw'Inzira rwo muri Siriya, ubu akaba yiga i Berilini. Yarampamagaye rero, duhurira aho abagenzi bategera za gari ya Moshi ni uko tujya ahantu gusangira ikawa. Nk'abandi basiramukazi benshi yari yiteze igitambaro mu mutwe. Mu maso yagaragaza ko afite amatsiko menshi. Mu kanya gato twamaranye, numvise ko hagati yacu havutse umwuka wo kwizerana. Ikindi gihe nabwo twaje guhurira mu buryo butunguranye mu bukwe nari natumiwemo i Berilini. Ubukwe burangiye arahaguma ni uko ku mugoroba mutwara aho yagombaga gutegera gari ya moshi. Mu kwitinya kwinshi, aranyegera ambaza ikibazo. „Sintekereza ko mwebwe abakirisitu mwemera Imana eshatu. Gusa simbyumva. Ushobora kumfasha?“

Ni uko muhanze amaso mu ndoro ye yari yuje ukwibaza ndamubwira nti: „Ufite ikibazo mu mutima. Hagati yacu twembi havutse ukwizerana, ni nako kwaguteye ubutwari bwo kumbaza iki kibazo. Iki kibazo cyavubuye muri njye igisubizo. Urumva imbaraga ziduhuza ziri hagati yacu? Arikiriza. Twebwe abakristu twemera ko twaremwe mu ishusho y'Imana. Kandi Imana muri yo ubwayo ni umushyikirano. Data abayeho mu bwitange bwimazeyo, ari bwo Roho Mutagatifu, abigiriye Mwana. Mwana na We kandi abayeho atyo abigiriye Data. Mu Mana - uko ni ko twemera - harimo umushyikirano. Ubuzima n'imbaraga zihambaye, ari byo isi yakomotsemo. Imana ni Twe. Igihe cyose, nk'uku mbese, tubayeho muri ubwo bumwe dukomora ku Mana yaturemye, turanezerwa nta kabuza. Amarira atangira kureremba mu maso ya wa mwari. Yagaragaza ko iryo jambo ryamukoze ku mutima. Mbere y'uko yinjira muri Gari ya Moshi arambwira ati: „Sinzibagirwa uru rumuri umpaye!“.

Nshuti bakunzi b'ijambo, Imana - ibi Yezu ubwe yarabidusobanuriye – ni umubano. Imana ni **TWE.** Tugenze nka Yo, tugerageze kurushaho kubaho mu bumwe aho kubaho twenyine. Tumenye neza ko, muri iyi nzira honyine ni ho tuzaronkera ibyishimo nk'ibyo mu kanya gato nashoboye gusangira n'uriya mwari Amani, w'umunyarisiriyakazi. **Imana ni twe! – God is us!**

Ku bw'itsinda OnWord Meinolf Wacker